/R.I.h./

R.I.DANGO Y'URWANDA
TERITWARI YA KIBUNGO

INTARA YA BUGANZA-SUD.-

ITEKA n° 6/1956/ BUGANZA-SUD.-

lishyiraho amafranga ya za taxes n'ayo kwicungura mu mwaka wa 1956.-

---

Umutware w'Intara ya BUGANZA-SUD;

Dushingiye kw'Itegeko ryo ku munsi wa 14 nyakanga 1952, rishinga imitegekere mishya ya Ruanda-Urundi, cyane cyane ku ngingo za 50 ikibezi f, 48 na 56;

Twitegerje itegeko 13/54 ly'uwa 24 ugushyingo ly'Umwami w'Urwanda;

Dushingiye kw'itegeko n° 21/86 ryo ku munsi wa 10 nyakanga 1953 rya Mburamatare wa Ruanda-Urundi, risobanura uburyo Itegeko ryo ku munsi wa 14 nyakanga 1952 rizakarikiswa;

Duhuje imigabo n'Inama y'Intara mu iteraniro ryayo ryo kuwa.20.12.1955.

Tubonye icyemezo cy'Umwami w'Urwanda cyo kuwa......

Ingingo ya 1.-

Buli muntu wese w'Intara ukora agomba kuzatanga muli 1956 amafranga y'ibi bikulikira:

a) Amafranga 25 y'Umuhanda,
b) Amafranga 27 y'amashyamba,
c) Amafranga 30 y'ibizagurwa byo mu Ntara.-

Ingingo ya 2.-

Ayo mafranga y'ibizagurwa by'intara nkuko bisobanuye ku ngingo ya mbere, azakoreshwa ibi bikulikira:
ayo gushobora gufata ibitaro n'ibitaro by'ababyeyi bya Minétain i Rwamagana mu mwaka wa 1956, n'ayo gukoresha kur'ibyo bitaro ibintu byose ngombwa kandi byihuta.-

Ingingo ya 3.-

Ili teka lizatangira gukulikizwa kuva kuwa 1 werurwe 1956.-

Rwamagana, k'uwa 22.12 1955.-

Umwanditsi w'Inama,

Umutware wa Intara,
M. SEGIKWIYE.-

KIBUNGO
3827

Inama y'Intara ya Buganza-Ouest yabereye i Murambi. Umunsi wa 22 w'Ugushyingo umwaka 1950.-

Inama itangiye saa 5-

Hali Umuyobozi w'Inama Chef J.B. Rwashikayi

Abajyanama: 1/ Sous-chef Birekeraho
2/ " Kayinamura
3/ " Rutagarore
4/ " Samugabo
5/ Ruhezamihigo
6/ Bwanakweli
7/ Murumvanyaza
8/ Kamimba
9/ Mukurira

Umujyanama Rubmeka ntahali afite impamvu.

---

- Umuyobozi w'Inama ati: Twabahamagaye muli ili teraniro kuko numvise ko amafanga 30 y'umusogongero twali twashyizeho y'ibyubakwa atemewe muminama nkuru y'Igihugu. Mu nama iheruka twifuzaga ko ayo mafaranga yakubaka ibyogo by'inka n'ibindi byo muntara yacu. None ndagirango turebe icyo twahitamo gikwiye kubanza gukorwa kigatangirirwa ayo mafanga; kuko muzi neza ko amafanga y'izi ntara atabikorera limwe kandi biteye ubwira.
- Umujyanama Bwanakweli ati: Twali twemeje ko ayo mafanga yakubaka icyogo cy'inka ndeba kubwanjye ali icyo cyali gikwiye kubanza kurusha amahunikiro, na none ndahamya ko alicyo cyabanza.
- Umuyobozi w'inama ati: Uko numvise inama Nkuru y'Igihugu yemeje amafanga 30 kugeza kuli 25 kuinka; tugereranije ayo mafanga n'umubare w'inka zisora ntiyaba ahagije. Kubwanjye, ibyogo twabitega amafanga yategenijwe muli Plan décennal; bitakorwa vuba tukazashaka ubundi bulyo, n'ayo aya 30 agatangirirwa kubaka amahunikiro.
- Umujyanama Samugabo ati: mujya mubona ubulyo amahunikiro y'ibyatsi birima abantu kandi akanashya; jye ndabona ayo mafanga yakubaka amahunikiro

.../...

- Umujyanama Rwagasore ati: Umuzi Kizindi utara zo muli Territoire yacu tumaze kubona amahunikiro y'amatafali, aho nagiye narasanze bibika neza imbuto z'abaturage kandi n'abaralirizi bakaba bake kuko bifite urugo. Ndasanga ayo mafranga yakubaka amahunikiro.
- Birekeraho ati: ndabunga ntyo.
- Umuyobozi w'Inama ati: hali undi ufite ikindi gitekerezo gishya.
- Umuyobozi w'Inama ati; ubwo ntawundi ufite igitekerezo kindi:

  Nibande bifuza ko ayo mafranga yatangwa muli 1956 kandi akubaka amahunikiro?

  Abajyanama 8 baralyemeye.

  Nibande bifuza ko yakoreshwa ibyogo? Umwe

  Undi ntacyo ahakanye kandi ntacyo yemeje.

  Murumvaneza ati: nifuzaga ko byombi byak

Umuyobozi w'Inama ashimiye abajyanama

Inama irangiye saa 7.

Umuyobozi w'Inama
Chef J. B. Gashikazi
J.B. Gashikazi

Umukarani w'Inama
D. Nkubito
D. Nkubito